UMURYANGO W'ABIBUMBYE
Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha

*Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha ("IRMCT") rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye ku itariki ya 22 Ukuboza 2010 kugira ngo rukomeze ububasha, uburenganzira, inshingano n'imirimo y'ingenzi by'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda ("TPIR") n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho Icyahoze ari Yugosilaviya ("TPIY") zasoje imirimo yazo mu mwaka wa 2015 n'uwa 2017, uko zikurikirana.*

# IFISHE Y'AMAKURU KU RUBANZA

*Ibiro bya Porokireri wa IRMCT bifite inshingano zo gushakisha, gufata no gukurikirana abantu bose batarafatwa barezwe na TPIR kubera uruhare bivugwa ko bagize muri jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu mwaka wa 1994. Kugera ubu, abantu babiri baregwa bakurikira ni bo basigaye batarafatwa kandi imanza zabo zoherejwe kuburanishirizwa mu Rwanda: Charles Ryandikayo na Charles Sikubwabo.*

*Iyi Fishe y'amakuru ku rubanza yerekeranye n'urubanza rw'Aloys Ndimbati washakishwaga. Ku itariki ya 14 Ugushyingo 2023, Ibiro bya Porokireri wa IRMCT byemeje, ko yapfuye bityo urubanza rwe muri IRMCT ubu rukaba rwarahagaritswe burundu.*

## MICT-12-14

# ALOYS NDIMBATI – YARAPFUYE



Aloys Ndimbati yari Burugumesitiri wa Komine ya Gisovu muri Perefegitura ya Kibuye, mu Rwanda, mu gihe ibyaha ashinjwa mu Nyandiko y'ibirego byakorwaga.

| | |
|---|---|
| **Umwaka yavutsemo n'aho yavukiye** | Mu ntangiriro ya za 50, muri Komine ya Gisovu, Perefegitura ya Kibuye, Rwanda |
| **Inyandiko y'ibirego** | Inyandiko y'ibirego ya mbere yamukorewe yemejwe n'Umucamanza wa TPIR ku itariki ya 28 Ugushyingo 1995<br>Inyandiko y'ibirego igenderwaho yatanzwe ku itariki ya 8 Gicurasi 2012 |
| **Aho urubanza rugeze** | Ikurikiranacyaha ryahagaritswe burundu. |

## AMAKURU Y'IBANZE KU RUBANZA

### INYANDIKO Y'IBIREGO

Aloys Ndimbati yarezwe jenoside, ubwumvikane bugamije gukora jenoside, guhamagarira abantu mu buryo butaziguye kandi mu ruhame gukora jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu, byakorewe muri Komine ya Gisovu, muri Perefegitura ya Kibuye, mu Rwanda hagati ya Mata na Nyakanga 1994, ubwo yari burugumesitiri w'iyo komine.

Mu Nyandiko y'ibirego igenderwaho, yo ku itariki ya 8 Gicurasi 2012 ("Inyandiko y'ibirego"), havugwa ko, ku itariki ya 10 cyangwa ku ya 11 Mata 1994 cyangwa hafi y'ayo matariki, ahagana saa yine za mu gitondo, Ndimbati yakoresheje indangururamajwi ahamagarira abantu mu ruhame gutsemba Abatutsi. Bivugwa ko ibyo yabikoze azenguruka mu modoka ya Komine ya Gisovu yari atwaye, aherekejwe n'abaporisi be batanu kandi akurikiwe n'imbaga y'abantu bari biganjemo Interahamwe zari mu bantu ayo magambo yari agenewe. Bivugwa ko, kubera ayo magambo, Ndimbati yoheje, yashishikarije akanatera abantu akanyabugabo, bityo akaba yaragize uruhare mu byaha byaje gukorwa nk'uko bisobanurwa mu Nyandiko y'ibirego.

Mu Nyandiko y'ibirego havugwa kandi ko, ku itariki ya 14 Mata 1994 cyangwa hafi yayo, mu icumbi ry'uruganda rw'icyayi rwa Gisovu, Ndimbati, ari kumwe n'Alfred Musema, yategetse kandi yoshya Interahamwe gusambanya ku gahato umugore w'Umututsikazi no kumwicana n'umuhungu we. Izo Nterahamwe zakurikije ayo mabwiriza.

Mu Nyandiko y'ibirego hanavugwa kandi ko, nyuma y'urupfu rwa Juvénal Habyarimana, wari Perezida w'u Rwanda, Ndimbati, afatanyije n'abandi, yatangiye kwica Abatutsi muri Komine ya Gisovu. Abatutsi bari batuye mu Bisesero bavuye mu mago yabo bahungira mu misozi ya Bisesero bizera ko bazirwanaho nibagabwaho ibitero. Bivugwa ko, Ndimbati yagabye ibitero kuri izo mpunzi ubudahwema mu gihe cy'amezi menshi maze akabicamo ababarirwa mu bihumbi.

Hashingiwe ku bimaze kuvugwa, Ndimbati yarezwe ibi bikurikira:

**Ikirego kimwe cya jenoside** (Ikirego cya 1)

**Ikirego kimwe cyo Kuba icyitso cy'abakoze jenoside** (Ikirego cya 2)

**Ikirego kimwe cyo Guhamagarira abantu mu buryo butaziguye kandi mu ruhame gukora jenoside** (Ikirego cya 3)

**Ibirego bine by'ibyaha byibasiye inyokomuntu**
- Itsembatsemba (Ikirego cya 4)
- Ubuhotozi (Ikirego cya 5)
- Gusambanya ku gahato (Ikirego cya 6)
- Gutoteza (Ikirego cya 7)

## KOHEREZA URUBANZA MU RWANDA

Ku itariki ya 25 Kamena 2012, Urugereko rwa TPIR rwategetse ko urubanza rwa Ndimbati rwimurirwa muri Repubulika y'u Rwanda ("U Rwanda").

Ku itariki ya 7 Gicurasi 2014, Umucamanza umwe rukumbi wa IRMCT, Vagn Joensen, yasabye ibihugu byose bigize Umuryango w'Abibumbye gushakisha Ndimbati, kumufata no kumushyikiriza Ubushinjacyaha Bukuru bw'u Rwanda.

Nk'uko biteganywa mu Cyemezo N° 1966 (2010) cy'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye, ibihugu byose bifite inshingano yo gufatanya na IRMCT mu gushakisha abaregwa bagishakishwa, kubafata, kubafunga, kubimura no kubashyikiriza inkiko zigomba kubaburanisha.

Ku itariki ya 14 Ugushyingo 2023, Ibiro bya Porokireri wa IRMCT byemeje ko Ndimbati yapfuye. Ku itariki ya 19 Werurwe 2024, Umucamanza umwe rukumbi wa IRMCT, Prisca Matimba Nyambe, yemeje ko Ibiro bya Porokireri wa IRMCT byatanze amakuru ahagije agaragaza ko Ndimbati yapfuye maze, haseguriwe ko urukiko rwo mu Rwanda rushobora kuzahagarika urubanza rwa Ndimbati, ategeka ko ikurikiranacyaha kuri Ndimbati muri IRMCT rihagarikwa burundu.

Ukeneye amakuru arambuye wasura urubuga rwa interinete rwa IRMCT www.irmct.org.
Ibibazo by'itangazamakuru byoherezwa kuri imeyiri: mict-press@un.org.